# Kujya muri sinema

Espen Stranger-Johannessen

Aakanee

Abisange Iragena Sandrine

3

Ikinyarwanda rw

Mai ari gushaka filime yo kureba. Arashaka kujyana n’inshuti ye Lisa muri sinema.

Mai afashe velomoteri ajya muri sinema.
Bumvikanye ko bahahurira.

Bagezeyo bararamukanya. Bashishikajwe no kureba filime.

Mai aguze amatike yabo bombi aho bagurira amatike.

Aguze n'igikarito kinini cy'injugu.

Lisa atwaye injugu mu gihe Mai ari kugura amacupa abiri ya fanta.

Berekanye amatike yabo mbere yo kwinjira ngo barebe filime.

Bari gushaka aho bicara. Ntihari kubona neza kubera ko filime yatangiye.

Baricaye ngo barebe filime.

Ni filime y’urukundo. Ni zo bakunda cyane.

Filime irarangiye, basezeranyeho baratahа.

# LIDA Stories

lidastories.net

## Kujya muri sinema

Espen Stranger-Johannessen
Aakanee
Abisange Iragena Sandrine

CC BY NC SA